The resolution passed by the majority members of the association APAPEB, on 23/12/2001 altering the Statutes of the «Association des Parents pour la Promotion de l'Education à Byumba (APAPEB)» is hereby approved for registration.

Article 2: Legal Representatives

Mr MUREKEZI Jean Bosco of Rwandan Nationality, residing in Byumba Sector, Gicumbi District, in the Northern Province, is hereby authorized to be the Legal Representative of the «Association des Parents pour la Promotion de l'Education à Byumba (APAPEB)».

Mr BAVAKURE Augustin of Rwandan nationality, residing in Byumba Sector, Gicumbi District, in the Northern Province, is hereby authorized to be the Deputy Legal Representative of the same Association.

article premier ;

Sur requête du Représentant Légal de l'«Association des Parents pour la Promotion de l'Education à Byumba (APAPEB)» reçue le 19/05/2009 ;

ARRETE :

Article premier : Décision modificative des statuts

Est approuvée la décision de la majorité des membres de l'association APAPEB prise le 23 /12/2001 de modifier les statuts de l'«Association des Parents pour la Promotion de l'Education à Byumba (APAPEB)».

Article 2 : Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l'«Association des Parents pour la Promotion de l'Education à Byumba (APAPEB)» **Monsieur MUREKEZI Jean Bosco** de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Byumba, District de Gicumbi, Province du Nord.

Est agréé en qualité de Représentant Légal Suppléant de la même association, **Monsieur BAVAKURE Augustin**, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Byumba, District de Gicumbi, dans la Province du Nord.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

Kigali, kuwa **19/03/2010**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya
Leta

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **19/03/2010**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **19/03/2010**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

AMATEGEKO SHINGIRO
Y'UMURYANGO «ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION A BYUMBA» APAPEB A.s.b.l.

UMUTWE WA I: IZINA, ICYICARO N'INTEGO

Ingingo ya mbere:

Hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 rigena imiryango idaharanira inyungu mu Rwanda, hashinzwe Umuryango witwa:

«ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION A BYUMBA» APAPEB, A.s.b.l, ugengwa n'iryo tegeko hamwe n'aya mategeko shingiro.

Ingingo ya 2 :

Icyicaro cy'Umuryango kiri mu Murenge wa Byumba, mu Karere ka Gicumbi, Intara y'Amjyaruguru.

Gishobora kwimurirwa mu kandi Karere ka Repubulika y'u Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 3:

Umuryango ukorera imirimo yawo mu Karere ka Gicumbi, Intara y'Amjyaruguru.

Igihe uzamara ntikigenwe.

Ingingo ya 4:

Intego z'Umuryango ni izi :

STATUTS DE L'ASSOCIATION
« ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION A BYUMBA» APAPEB, a.s.b.l.

CHAPITRE I: DENOMINATION, SIEGE, ET OBJET

Article premier :

Conformément à la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, il est créé une Association régie par les présents statuts dénommée:

«ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION A BYUMBA» APAPEB, A.s.b.l.

Article 2 :

Le siège de l'Association est établi dans le Secteur de Byumba, District de Gicumbi, Province du Nord.

Il peut être transféré en tout autre District de la République du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.

Article 3:

L'association exerce ses activités dans le District de Gicumbi, Province du Nord.

Elle est créée pour une durée indéterminée.

Article 4 :

L'Association a pour but :

CONSTITUTION OF THE ASSOCIATION
«ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION A BYUMBA » APAPEB, A.s.b.l.

CHAPTER I: NAME, HEAD OFFICE, AND OBJECTIVES

Article One:

It is hereby formed a non –profit making organizations called « **ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION A BYUMBA » APAPEB, A.s.b.l.** in initials) to be governed by this status and subject to provisions of Law n° 20/2000 of 26/07/2000 relating to non profit making organizations.

Article 2:

The head office of the Association is situate at Byumba Sector, Gicumbi District, Northern Province.

It can be transferred to any other District up on approval by the General Assembly.

Article 3 :

The Association shall carry out its activities on the District territory of Gicumbi, in the Northern Province.

It is created for an indefinite period.

Article 4:

The objectives of the association include :

Official Gazette n° 12 of 25 March 2013

-Gufatanya n'abandi guteza imbere ubumenyi, umuco, n'ubuzima bw'umubiri wubahiriza ukwemera n'ukwishyira ukizana bya buri wese.

-La contribution à la promotion de l'éducation intellectuelle, culturelle et physique dans le respect des convictions et des libertés de tout un chacun.

-The contribution to the promotion of intellectual, cultural, and physical education, in respect to the convictions and freedoms of each and everyone.

-Wibanda cyane cyane kubona ibisubizo biboneye mu gukemura ingorane zose zireba uburezi:

-Elle se penche d'une manière particulière à trouver des solutions pratiques aux problèmes de tout genre relatifs à l'éducation;

-To find practical solutions to the existing problems relating to education.

-Kugira ngo ukomeze guharanira intego yawo, umuryango ushobora gukora imirimo ifitanye isano n'ntego zawo;

-Pour la poursuite de son objet, l'Association peut réaliser des opérations se rattachant directement ou indirectement à son objet;

-For the continuation of its objectives, the association can carry out activities relating to its objectives,

-Bitewe n'amikoro yawo, ushobora gushinga inzego zose z'amashuri;

-Dans les limites de ses moyens elle peut créer d'autres établissements d'enseignements;

-Subject to its capacity, it can establish all categories of school.

-Gushyigikira umubano w'ubufatanye n'indi miryango y'uburezi ikorera mu gihugu n'iy'ahandi bihuje intego.

-Entretenir des relations de coopération avec les institutions éducatives nationales et internationales similaires;

-Support relations of cooperation with other educational institutions at national and international level with similar objectives:

-Gutegura no gukora imishinga y'ibikorwa ibyara amafaranga, yafasha Umuryango kugera ku nshingano zaryo.

-Créer et exercer des activités génératrices de revenus qui pourront aider l'Association pour atteindre ses objectifs.

-Establish and execute income generating activities that can help the association to attain its objectives.

UMUTWE WA II: ABAGIZE ISHYIRAHAMWE

CHAPITRE II : DES MEMBRES

CHAPTER II: MEMBERS

Ingingo ya 5:

Ishyirahamwe rigizwe n'abanyamuryango bawushinze, abanyamuryango bawinjiyemo n'abanyamuryango b'icyubahiro.

Article 5:

L'Association se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneurs.

Article 5:

The association is composed of founder members, ordinary Members and honorary members.

Abanyamuryango bawushinze:

Ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

Sont **membres fondateurs**, les signataires des présents statuts.

The **founder members:** are those that have signed this statute.

Official Gazette n° 12 of 25 March 2013

Abanyamuryango bawinjiyemo: Ni abantu cyangwa imiryango babishaka, bamaze kwiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro kandi bakemezwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango bawushinze n'abawinjiyemo ni abanyamuryango nyakuri. Bafite uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe ku birebana n'umuryango.

Abanyamuryango b'icyubahiro: Ni abatari abanyamuryango nyakuri bashyigikiye Umuryango mu bitekerezo cyangwa mu bikorwa, Inteko rusange yahisemo kubera ibikorwa byabo by'akarusho bakoreye umuryango.

Abanyamuryango b'icyubahiro bagishwa inama mu nteko rusange ariko ntibashobora gutora.

Ingingo ya 6:

Abanyamuryango nyakuri biyemeza kugira uruhare mu bikorwa by'umuryango batizigamye. Baza mu nama z'inteko Rusange kandi bafite uburenganzira bwo gutora.

Bagomba gutanga umusanzu wa buri mwaka ugenwa n'inteko Rusange.

Ingingo ya 7:

Abanyamuryango nyakuri bafite igenyo ry'akarusho ku bikorwa by'umuryango, iryo genyo riteganywa n'amategeko ngenga mikorere y'umuryango.

Sont membres adhérents des personnes physiques ou morales qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Les membres fondateurs et les membres les membres adhérents sont les membres effectifs de l'Association. Ils ont les mêmes droits et devoirs vis –à –vis de l'Association.

Les membres d'honneurs : sont toutes les personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale aura décerné ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'Association.

Les membres d'honneur siègent au sein de l'Assemblée Générale sans droit de vote.

Article 6 :

Les membres effectifs s'engagent inconditionnellement à participer aux activités de l'Association. Ils assistent aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative.

Ils ont le devoir de verser une cotisation annuelle dont le montant est fixé par l'Assemblée Générale.

Article 7 :

Les membres effectifs jouissent de certains privilèges qui sont définis par le Règlement d'Ordre Intérieur.

Ordinary members: are those persons or associations who have been approved by the general Assembly.

The founder and ordinary members are referred to as the core members of the association with equal rights and duties.

Honorary members: are all physical and moral persons whom the general Assembly will give that title in recognition for their special and appreciable services rendered to the association.

Honorary members attend the General Assembly but with no right to vote.

Article 6:

The core members commit to unconditionally participate in the activities of the Association. They attend the General Assembly meetings with the right to vote.

They are compelled to give an annual contribution which is determined by the General Assembly.

Article 7:

The core members enjoy certain privileges which are stipulated by the Internal Rules.

Ingingo ya 8:

Umuntu areka kuba umunyamuryango iyo apfuye, iyo asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

Uburyo umunyamuryango asezera n'impamvu zituma yirukanwa biteganywa mu mabwiriza yihariye agenga umuryango.

UMUTWE WA III: INZEGO

Ingingo ya 9:

Inzego z'umuryango ni izi:

Inteko Rusange;
Komite Nyobozi;
Ubugenzuzi bw'imari.

Ingingo ya 10:

Inteko Rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'Ishyirahamwe. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bose.

Igice cya mbere: Inteko Rusange

Ingingo ya 11:

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

Kwemeza no kuvugurura amategeko n'amabwiriza ngengamikorere by'umuryango;

Gushyiraho no kuvanaho abagize Komite Nyobozi;
Kugena gahunda y'ibikorwa by'Umuryango;

Article 8 :

La qualité de membre se perd par le décès, la démission volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'Association.

Les modalités de démission et les critères d'exclusion sont déterminés dans le Règlement d'Ordre intérieur de l'Association.

CHAPITRE III : DES ORGANES

Article 9 :

Les organes de l'Association sont :

L'Assemblée Générale;
Le comité Directeur;
Le Commissariat aux comptes

Article 10 :

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Association. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'Association.

Section première : De l'Assemblée Générale

Article 11 :

L'Assemblée Générale a les pouvoirs suivants :
Adopter et modifier les Statuts et Règlement d'ordre intérieur de l'Association;
Nommer et révoquer les membres du Comité Directeur;

Déterminer les activités de l'Association ;
Admettre, suspendre et exclure un membre;

Article 8:

Membership ceases upon death, by voluntary resignation, exclusion or dissolution of the Association.

The modalities of resignation and the criteria of exclusion are determined in the Internal Rules of the Association.

CHAPTER III: ORGANS

Article 9:

The Organs of the Association are:

The General Assembly;
Board of Directors;
Auditor ship.

Article 10:

The General Assembly is the supreme organ of the Association. It is composed of all core members of the Association.

Section one: General Assembly

Article 11:

The General Assembly has the following powers:
Adopt and amend the statutes ,Internal Rules and Regulations of the Association;
Nominate and remove members of the Board of Directors;

Determine the activities of the Association;
Admit, suspend and exclude a member;

Official Gazette n° 12 of 25 March 2013

Kwakira, guhagarika no kwirukana Umunyamuryango;
Kwemeza imicungire ya buri mwaka y'imari y'umuryango;
Kwemera impano n'indagano;
Gusesa umuryango.

Ingingo ya 12:

Inteko Rusange ihamagarwa kandi ikayoborwa n'umuvugizi w'Ishyirahamwe, yaba adahari cyangwa atabonetse bigakorwa n'Umuvugizi Wungirije.

Igihe umuvugizi n'abamwungirije batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagazwa mu nyandiko na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri. Icyo gihe abagize inteko bitoramo Perezida w'inama.

Ingingo ya 13:

Inteko Rusange iterana kabiri mu mwaka mu nama zisanze mu kwezi kwa Gashyantare na Kanama. Inyandiko z'ubutumire zikubiyemo ibizigwa zoherezwa abanyamuryango nibura iminsi 15 mbere y'inama.

Ingingo ya 14:

Ku murongo w'ibygwa n'inama yo mu kwezi kwa Kanama y'umwaka hagomba kubamo byanze bikunze raporo y'umwaka y'ibikorwa bya Komite Nyobozi, ibyagezweho mu mwaka ushize, uko amafaranga yakoreshejwe,

Approuver des comptes annuels;

Accepter des dons et legs;

Dissoudre l'Association.

Article 12:

L'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le Représentant Légal de l'Association, ou en cas d'absence ou d'empêchement, par le Représentant Légal Suppléant.

En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Représentant Légal et du Représentant Légal suppléant, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par un tiers des membres effectifs.

Pour la circonstance, l'Assemblée élit en son sein un Président pour la session.

Article 13:

L'Assemblée Générale se réunit deux fois par an en Février et Août en session ordinaire. Les invitations contenant l'ordre du jour sont envoyées aux membres quinze jours au moins avant la réunion.

Article 14:

A l'ordre du jour de la Réunion du mois d'Août de l'année doivent figurer obligatoirement le rapport annuel d'activités du Comité Directeur, le rapport de l'exercice écoulé, les prévisions budgétaires ainsi que le rapport de contrôle des

Approve the annual budget;

Accept donations and bequests;

Dissolve the Association.

Article 12:

The General Assembly is summoned and presided over by the Legal Representative of The Association or in case of his/her absence by the Deputy Legal Representative.

In case of absence or refusal of the Legal Representative and his/her deputies, the General Assembly is summoned in writing by one third of the core members.

In that case, the General Assembly elects amongst themselves the president of the session.

Article 13:

The General Assembly elects twice a year in February and August in ordinary sessions. The invitations containing the agenda are sent at least thirteen days before the meeting.

Article 14:

The agenda of the August meeting must include the annual activity report of the board of directors, achievements of the previous year, budget proposal for the next year the auditors' report.

Official Gazette n° 12 of 25 March 2013

umushinga w'ngengo y'imari y'umwaka utaha na raporo y'Abagenzuzi b'imari. commissaires aux comptes.

Ingingo ya 15:

Inteko rusange iterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro iyo 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari.

Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi 15.

Iyo icyo gihe kigeze, Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro uko umubare w'abahari waba ungana kose.

Uretse ku biteganywa n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, Irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 16:

Inama rusange idasanzwe ihamagaza kandi ikayoborwa mu buryo bumwe nk'ubw'inteko Rusange. Igihe cyo kuyitumira ni iminsi 15

Ariko icyo gihe gishobora kumanurwa ku minsi 7 iyo hari impamvu yihutirwa cyane.

Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe ku murongo w'ibygwa.

Ingingo ya 17:

Inyandiko-mvugo z'inteko Rusange zishyirwaho

Article 15 :

L'Assemblée Général siège et délibère valablement lorsque les 2/3 de membres effectifs sont présents.

Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 15 jours.

A cette échéance, L'Assemblée Général siège et délibère valablement quelque soit le nombre de participants.

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Général sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité des voix, celle du président compte double.

Article 16 :

L'Assemblée Général extraordinaire est convoquée et présidée dans les mêmes conditions que l'Assemblée Général ordinaire. Les délais de sa convocation sont de 15 jours.

Mais, en cas d'extrême urgence, ce délai peut être ramené à 7 jours. Les débats ne portent que sur l'objet de sa convocation.

Article 17 :

Les procès-verbaux des réunions de l'Assemblée

Article 15 :

The General Assembly meets and makes enforceable decisions when 2/3 of the core members are present.

If the quorum is not attained, a new summon is sent within 15 days.

At that time, the General Assembly meets and makes enforceable decision regardless of the quorum

Except as provided for by the law relating to non profit making organizations and this statute, the decision of the General Assembly are made by an absolute majority of votes. In case of the equality of votes, the president's vote counts twice.

Article 16:

The extraordinary General Assembly is summoned and presided over in a similar manner as the Ordinary General Assembly. The period for summoning is 15 days.

But, in case of extreme emergency, that time can be reduced to 7days. Debates are confined to the subject matter in issue.

Article 17:

The minutes of the meetings of the General

umukono na perezida w'inama hamwe n'umunyamabanga w'umuryango.

Igice cya kabiri: Komite Nyobozi

Ingingo ya 18:

Komite Nyobozi igizwe na:

- Perezida: Umuvugizi w'umuryango;
- Visi-perezida wa Mbere: Umuvugizi wa mbere Wungirije w'umuryango;
- Visi-perezida wa kaabiri: Umuvugizi wa Kabiri wungirije w'umuryango;
- Umunyamabanga;
- Umunyamabanga wungirije;
- Umubitsi;
- Abajyanama batatu.

Ingingo ya 19 :

Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri. Manda yabo ni imyaka itatu ishobora kongerwa rimwe gusa. Bashobora kwifashisha abajyanama batoranywa n'Inteko Rusange hakurikijwe ubushobozi bwabo.

Ingingo ya 20:

Inama ya Komite Nyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, ihamagawe na Perezida wayo, yaba adahari cyangwa atabonetse igahamagarwa na visi perezida.

Général sont signés par le Président de la réunion et le Secrétaire de l'Association.

Deuxième Section : Comité Directeur

Article 18 :

Le Comité Directeur est composé de :

- Président : Représentant Légal;
- Premier Vice –Président : Premier Représentant Légal Suppléant;
- Deuxième Vice-Président : Deuxième Représentant Légal Suppléant;
- Secrétaire;
- Secrétaire Adjoint;
- Trésorier;
- Trois Conseillers.

Article 19 :

Les membres du Comité Directeur sont élus parmi les membres effectifs de l'Association pour un mandat de trois ans renouvelables une seule fois.

Ils peuvent se faire assister par des conseillers choisis par l'Assemblée Générale en fonction de leurs compétences.

Article 20 :

Le Comité Directeur se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président, ou en cas d'absence ou d'empêchement par le Vice-Président.

Assembly are signed by the president and secretary of the Association.

Section two : Board of Directors

Article 18 :

The Board of Directors is composed of:

- President: Legal Representative;
- First Vice-President: First Deputy Legal Representative;
- Second Vice President: Second Deputy Legal Representative;
- Secretary;
- Deputy Secretary;
- Treasurer;
- Three Advisors.

Article 19:

The members of the Board of Directors are elected among effective members of the Association for a mandate of 3 years renewable once. They can be assisted by advisors selected by the General Assembly in relation to their competences.

Article 20:

The Board of Directors meet once in 3 months and every time needed, summoned by the President, or in case of his absence by the Vice-President.

Official Gazette n° 12 of 25 March 2013

Iterana kandi igafata ibyemezo hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'abayigize. Iyo ayo majwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 21:

Komite Nyobozi ishinzwe:

Gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by' Inteko Rusange;

Kwita ku micungire ya buri muni y'umuryango;

Gukora raporo ya buri mwaka y'ibyakoze;

Gutegura imishinga y'ingengo y'imari Igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;

Gushyikiriza Inteko Rusange ingingo z'amategeko shingiro n'iz' amabwiriza nginga mikorere zigomba guhindurwa;

Gutegura inama z'Inama Rusange

Kugirana imishyikirano n'indi miryango igamije ubutwererane no gushaka inkunga

Kuyobora imirimo y' umuryango;

Gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi bo mu nzego zinyuranye z'umuryango.

Ingingo ya 22:

Muri rusange, Komite Nyobozi ishinzwe

Il siège et délibère à la majorité absolue des membres. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Article 21 :

Le Comité Directeur à pour attributions :
Exécuter les décisions et recommandations
De l'Assemblée Général;

S'occuper de la gestion quotidienne de
l'Association ;
Rédiger les rapports annuels d'activités;

Elaborer les prévisions budgétaires à
soumettre à l'Assemblée Général ;

Proposer à l'Assemblée Général la
modification aux statuts et au Règlement
d'ordre intérieur de l'Association ;

Préparer la session de l'Assemblée
Général;

Négocier les accords de coopération et de
financement avec les partenaires;

Assurer l'administration de l'Association ;

Recruter, nommer et révoquer le personnel
de différents services de l'Association.

Article 22 :

Il veille généralement au maintien et respect des

It assembles and makes decision by absolute majority of its members. Incase of parity of votes, the president's vote counts double.

Article 21:

The Board of Directors is in charge of:
Executing the decisions and
recommendations of the General Assembly;

Follow up the daily management of the
Association ;
Prepare annual activity report;

Elaborate the budgetary bills to be
submitted to the General Assembly;

Propose to the General Assembly the
modifications to the statute and the Rules
of Internal Order of the Association ;

Prepare the session of the General
Assembly ;

To carry out negotiation of cooperation
and financial agreements with the
partners;

To ensure the association's administration;

Recruit, nominate and dismiss the
personnel of different services of the
Association.

Article 22 :

It generally takes care of the maintenance and

gukomeza no kubahiriza uburenganzira bw'Umuryango, kandi ishobora no guha abayikorera bumwe mu bubasha bwayo, ariko ikaba ari yo izabyibarizwa imbere y'Inteko Rusange.

Ingingo ya 23:

Mu bagize Komite Nyobozi nta n'umwe wakwitwaza umwanya afite mu muryango ngo akore ibimureba ku giti cye bwite.

Ingingo ya 24:

Perezida wa Komite Nyobozi ni we Perezida w'inteko Rusange, akaba ari we uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko. Ba Visi perezida ni bo bahagarariye Umuryango mu buryo bw'abasimbura.

Ingingo ya 25:

Inama ya Komite Nyobozi ihamagarwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo, yaba adahari ikayoborwa n'umwe mu ba Visi perezida nk'uko bakurikirana mu nzego.

Komite Nyobozi iterana rimwe mu gihembwe mu nama zisazwe, igateranira aho intebe y'umuryango ishinzwe. Ishobora no guterana mu nama zidasanzwe ku butumire bwa Perezida igihe cyose bibaye ngombwa cyangwa se ibyo bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. Kuri iyi mpamvu, Perezida agomba kuyikoresha bitarenze iminsi icumi agejeweho icyo cyifuzo.

droits de l'Association et peut déléguer certains de ses pouvoirs mais sous sa propre responsabilité.

Article 23 :

Les membres du Comité Directeur ne peuvent, chacun en ce qui le concerne, prendre un engagement au nom de l'Association pour leurs affaires personnelles.

Article 24 :

Le Président du Comité Directeur assume les fonctions de Président de l'Assemblée Générale et de Représentant Légal de l'Association. Les Vice-présidents sont les Représentants Légaux Suppléants.

Article 25 :

La réunion du Comité Directeur est convoquée et dirigée par son Président ou à son absence par un des Vice-Présidents selon leur ordre de préséance.

Le Comité Directeur se réunit en session ordinaire une fois par trimestre au siège social de l'association. Il peut se réunir en session extraordinaire chaque fois que des besoins sur convocation du président ou sur demande écrite d'au moins 1/3 de ses membres. Dans ce dernier cas, le Président est tenu de convoquer la réunion endéans les 10 jours qui suivent la réception de la demande.

respect of the rights of association and can delegate some of its powers but under its own responsibility.

Article 23:

The members of the Management Committee cannot, each one in what relates to it to pledge in the name of Association for their personal businesses.

Article 24:

The president of the management committee assures the president's functions of the general Assembly and legal representative of Association. The vice presidents are the Deputy Legal Representatives.

Article 25:

The meeting of the management committee is convened and directed by its president or to his absence by one of the vice presidents according to their order of precedence.

The management committee meets as an ordinary session once per quarter at the head office of Association. It can meet in extraordinary session each time needed on convocation by the president or written request for at least 1/3 of its members. In this last case, the president is held to convene the meeting in 10 days which follow the reception of the request.

Official Gazette n° 12 of 25 March 2013

Kugira ngo Komite Nyobozi iterane hagomba nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize , ntawe ushobora gutuma undi kumuhagararira.

Ibyemezo bya Komite Nyobozi bishingiye ku cyifuzo cya benshi mu baje mu nama.

Iyo amajwi anganyeye barongeraga bagatora. Iyo amajwi anganyeye ku nshuro ya gatatu, hemezwa icyo Perezida yahaye ijwi.

Ingingo ya 26:

Abagize Komite Nyobozi bose babazwa kimwe mu byerekeye irangiza ry'umurimo bashinzwe mu mu muryango. Ariko buri wese abazwa ku giti cye ibyerekeye irangiza ry'umurimo yatorewe.

Ingingo ya 27:

Inyandiko y'impaka mu nama ya Komite nyobozi cyangwa iy'Inteko Rusange, bigenewe kwerekanwa mu bucamanza cyangwa ahandi, bishyirwaho umukono w'uhagarariye umuryango imbere y'amategeko hamwe n'umunyamabanga w'umuryango, bamaze kubyumvikanaho na Komite Nyobozi.

Igice cya gatatu: Ubugenzuzi bw'imari.

Ingingo ya 28 :

Inteko rusange itora abagenzuzi b'imari babiri, manda yabo ni umwaka umwe, ariko bashobora

Le Comité Directeur ne peut siéger valablement que si au moins 2/3 de ses membres sont présents, aucune procuration n'est admise.

Toutes les décisions du Comité Directeur sont prises à la majorité absolue des membres présents.

En cas de parité des voix, il est procédé à un nouveau vote. Au troisième vote, la voix du président est prépondérante.

Article 26 :

Les membres du Comité Directeur répondent solidairement envers l'Association dans l'exécution de leur mandat collectif. Toutefois, chacun est responsable de l'exécution du mandat pour lequel il a été élu.

Article 27 :

Les délibérations du Comité Directeur ou de l'Assemblée Générale, à produire en justice ou à toutes autres fins, sont signés pour conformité, par le Représentant Légal et le Secrétaire de l'Association après consultation du Comité Directeur.

SECTION TROISIEME :

Du commissariat aux comptes

Article 28 :

L'Assemblée générale élit pour un mandat d'un an renouvelable, deux commissaires aux comptes

The management committee can sit validity only if at least 2/3 of its members are present, procuration is not allowed.

All the decision of the Management Committee are made in the majority absolute of the attending members.

In the event of parity of the voices, it is proceeded to a new vote. With the third vote, the voice of the president is dominating.

Article 26:

The members of the Management Committee answer jointly towards Association in the execution of their collective mandate. However, each one is responsible for the execution of the mandate for which he was elected.

Article 27:

The deliberations of the Management Committee or the General meeting, to produce in justice or at all other ends, are signed for conformity, by the legal representative and the secretary of Association after consultation of the Manager Committee.

Section three : AUDIT OFFICE

Article 28 :

The general meeting elects for one, renewable mandate two auditors to which it gives mission

Official Gazette n° 12 of 25 March 2013

kongera gutorwa. Ibashinga kugenzura uko ibintu n'imari by'umuryango bicungwa no kugira icyo babivugaho nibura kabiri mu gihembwe.

Abagenzuzi b'imari ntibakura ibitabo mu biro, ariko bafite uburenganzira bwo kureba inyandiko zose zerekeye imari y'umuryango.

Bagenzuzi iyubahirizwa ry'ibyemezo bifatwa n'Inteko Rusange kimwe na Komite Nyobozi ku byerekeye imikoreshereze y'amafaranga. Imirimo n'umushahara wabo bigenwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 29 :

Abagenzuzi b'imari bagomba gushyikiriza Perezida w'umuryango, bitarenze icyumweru igenzura rikozwe, raporo y'ubugenzuzi isobanura uko umutungo wifashe.

Ingingo ya 30 :

Yaba abigennye ku bwe cyangwa se abisabwe n'amajwi menshi y'abagize Komite Nyobozi

Perezida atumira mu nama ya Komite Nyobozi Abagenzuzi b'imari kugira ngo arangize iyo manda.

Ingingo ya 31:

Inteko Rusange ishobora gukuraho Umugenzuzi w'imari mbere y'uko manda ye irangira, icyo gihe Inteko Rusange iterana mu nama idasanze maze igatora umusimbura kugira ngo arangize

auxquelles elle donne mission de contrôler la gestion des biens et des finances de l'Association et de lui en fournir tout avis aux moins deux fois par trimestre.

Les commissaires aux comptes ont accès, sans déplacement des livres, à toutes les écritures comptables de l'Association.

Ils contrôlent la mise en exécution des décisions prises par l'Assemblée Générale et le Comité Directeur en matière des finances. Leur cahier de charge et leur rémunération sont déterminés par l'Assemblée Générale.

Article 29 :

Les commissaires aux comptes doivent transmettre au Président de l'Association au plus tard une semaine après le contrôle, le rapport de contrôle donnant la situation financière et patrimoniale.

Article 30 :

De sa propre initiative, ou à la demande de la majorité simple des membres du Comité Directeur, le Président

invite les commissaires aux comptes à assister à titre consultatif aux réunions de ce dernier.

Article 31 :

L'Assemblée Générale peut mettre fin au mandat d'un commissaire aux comptes et pouvoir à son remplacement au cours d'une session extraordinaire convoquée à cet effet pour achever

of controlling the management the goods and finances of Association and provides to it any opinion at least twice quarter.

The Auditors have access, without displacement of the books, with all the entries of Association.

They control the execution of the decision taken by the General Assembly and the Management Committee regarding finances Their specifications and their remuneration are determined by the General Assembly.

Article 29:

The Auditors must transmit to the President of the Association at the latest a week after control; report/ratio of control, giving the financial: patrimonial statement.

Article 30:

The president on his own initiative, or at request of the simple majority of the members,

of the Management Committee, invites the Auditors to attend the meetings for consultation.

Article 31:

The general Assembly can end the mandate of an Auditor and provide for his /her replacement during an extraordinary session convened for the purpose of completing the mandate.

iyi manda.

UMUTWE WA IV: UMUTU NGO

Ingingo ya 32:

Umuryango ushobora gutira cyangwa gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugira ngo ugere ku ntego zawo.

Ingingo ya 33:

Umutungo w'umuryango uguzwe n'imisanzu, ibikorwa by'umuryango, impano, indagano n'imfashanyo zitandukanye.

Ingingo ya 34:

Umutungo w'umuryango ni uwawo bwite. Ugenera umutungo wawo ibikorwa byose bituma ugera ku ntego yawo.

Ingingo ya 35:

Igihe umuryango usheshwe, Inteko Rusange ishira umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kurangiza iryo seswa.

Iyo hamaze gukorwa ibarura ry'agaciro k'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihuje intego.

le mandat.

CHAPITRE IV : PATRIMOINE

Article 32 :

L'Association peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de son objet.

Article 33 :

Le patrimoine de l'Association est constitué des cotisations des membres, les produits des travaux de l'Association, dons, legs et subventions diverses.

Article 34 :

Les biens de l'Association sont sa propriété exclusive. Elle affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation des objectifs de l'Association.

Article 35:

En cas de dissolution de l'Association, l'Assemblée Générale désigne un ou plusieurs curateurs chargés de procéder à la liquidation.

Après la réalisation de la valeur des biens meubles et immeubles de l'Association et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une autre association poursuivant les objectifs similaires.

CHAPTER IV: PATRIMONY

Article 32:

The association can have, either in possession or by hire, movable or immovable property for realization of its objectives.

Article 33:

The inheritance of Association is consisted of contributions of the members, the products from work of Association, gifts, legacy and variables subsidies.

Article 34:

The goods of Association are its exclusive property .It assigns its resources to all that contributes directly or indirectly to the realization of the objectives of Association.

Article 35 :

In the event of dissolution of Association, General Assembly appoints one or more curators charged to proceed to liquidation.

After the realization of the value of the movable and real property of the Association and audit of the liability, the credit of the inheritance be yielded to another association pursuing similar goals.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 36:

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe ku bwiganze busesuye bw'abanyamungo nyakuri bateraniye mu

Nteko Rusange, bisabwe n'Inama y'Ubuyobozi cyangwa 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 37:

Byemejwe n'abagize ubwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango nyakuri, Inteko Rusange ishobora gusesa umuryango, kuwufatanya n'undi cyangwa kuwomeka ku wundi muryango ihuje intego.

Ingingo ya 38:

Ku bidateganijwe muri aya mategeko shingiro, umuryango uziyambaza itegeko rigena imiryango idaharanira inyungu n'amabwiriza ngengamikorere yemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 39 :

Aya mategeko shingiro yemejwe n'abashinze Umuryango bateraniye mu Nteko Rusange bari kuri lisiti iyometseho.

Bikorewe i Gicumbi, ku wa 29/10/2009

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 36 :

Les présents statuts peuvent faire l'objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue de membres effectifs, soit sur proposition du ou à la demande d'un tiers de membres effectifs.

Article 37 :

Sur décision de la majorité de 2/3 des membres effectifs, l'Assemblée Générale peut prononcer la dissolution de l'Association, sa fusion avec ou son affiliation à toute autre association poursuivant un but analogue.

Article 38 :

Pour ce qui n'est pas prévu dans les présents statuts, l'Association s'en référera à la loi régissant les Associations sans but lucratif et au règlement d'ordre intérieur adopté par l'Assemblée Générale.

Article 39 :

Les présents statuts sont adoptés par les membres fondateurs de l'Association réunis en Assemblée Générale constitutive dont la liste est en annexe.

Fait à Gicumbi, le 29/10/2009

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 36:

The statute can be subject to modification after decision of the General Assembly by the absolute majority of votes, either on a proposal from General Assembly, or at the request of the 1/3 the duly registered members.

Article 37:

On the decision of the 2/3 majority votes, General Assembly can pronounce the dissolution of association her fusion with or her affiliation with any other association working to wards similar goal.

Article 38:

For what is not planned in these statutes, Association will refer to the law governing Non-profit-making associations and the internal regulations adopted by the General Assembly.

Article 39:

These statutes are adopted by the founding members of Association in constitutive General Assembly whose list is in appendix.

Done at Gicumbi, on 29/10/2009

INYANDIKO – MVAHO NIMERO MAGANATANDATU NA KARINDWI, IGITABO CYA XIII

Umwaka w'ibihumbi bibiri n'icyenda, tariki ya 16, ukwezi kwa Nzeri, Twebwe, **MAZIMPAKA Eric**, Noteri wa Leta mu Karere ka Gicumbi, twemeje ko inyandiko y'amategeko shingiro y'u muryango APEPAB, itugejweho na **MUREKEZI Jean Bosco** na **BAVAKURE Augustin** hari abagabo bemewe n'amategeko ari bo **MUKIZA Epaphrose** na **MURWANASHYAKA Masisita Grégoire**;

Dusomeye abazanye iyo inyandiko y'amategeko shingiro imbere y'abagabo. Bitangarijwe imbere yacu n'imbere y'aba bagabo ko iyo nyandiko ari iyabo, ko kandi bayikoze ku bushake bwabo.

Kubera iyo mpamvu, abazanye iyo nyandiko y'amategeko shingiro barasinye, abagabo barasinye, natwe Noteri, dushyize umukono kuri iyi nyandiko- mvaho, kandi tuyiteyeho kasha ikoreshwa ku nyandiko –mvaho mu biro bya Noteri i Gicumbi.

ABAZANYE INYANDIKO KWA NOTERI

Abazanye inyandiko y'amategeko shingiro y'Umuryango APAPEB

UHAGARARIYE UMU RYANGO

1. **MUREKIZI J.BOSCO** (sé)

2. **BAVAKURE Augustin** (sé)

ABAGABO

1. **MUKIZA Epaphrose** (sé)

2. **MURWANASHYAKA Masisita Gerigori** (sé)

NOTERI

MAZIMPAKA Eric (sé)

AMAFARANGA YISHYUWE Hashyuwe amafaranga ibihumbi bibiri magana atanu (**2500frw**) kubera inyandiko –mvaho ibanziriza izindi ibikwa kwa Noteri ifite numero 607, Igitabo XIII, kuri gitansi numero 085587 yo kuwa 15/09/2009 itanzwe na umwakirizi w'amahoro w'Akarere.

NOTERI

MAZIMPAKA Eric (sé)

Hishyuwe 21500 kubera kopi y'inyandiko-mvaho ihabwa beneyo kuri kitansi yanditse haruguru.

NOTERI

MAZIMPAKA Eric (sé)

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUTONI SHADIA RUSABA
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa **MUTONI SHADIA** utuye mu Murenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali yasabye kongera izina rya **ESEN** mu irangamimerere ye;

Impamvu atanga ngo ni uko iryo zina rya **ESEN** ari izina ry'umugabo we basezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko, izina rye rikaba ryarahise rishyirwa ku nyandiko ye y'ishyingirwa, uwo Mugabo we akaba afite ubwenegihugu bw'Ubudage, akaba asaba ko izina ry'umugabo we ryakongerwa ku mazina asanganwe kugira ngo atazagira ikibazo cyo kugira amazina anyuranye ku byangombwa bye (ibyho mu Rwanda n'ibyho mu Gihugu umugabo akomokamo).

Arifuza ko izina rya **ESEN** ryakongerwa mu irangamimerere ye, bityo akitwa **Mutoni Shadia Esen**.

**ICYEMEZO N°RCA /884/2012 CYO KUWA 24/12/2012 GIHA
UBUZIMAGATOZI «COOPERATIVE TAXI BATEAU »**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo kuwa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **COOPERATIVE TAXI BATEAU** », ifite icyicaro i Shyorongi, Umurenge wa Shyorongi, Akarere ka Rulindo, Intara y'Amajyaruguru;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **COOPERATIVE TAXI BATEAU** », ifite icyicaro i Shyorongi, Umurenge wa Shyorongi, Akarere ka Rulindo, Intara y'Amajyaruguru, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **COOPERATIVE TAXI BATEAU** », igamije gutanga serivisi zijyanye no gutwara abantu mu bwato. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi, keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **COOPERATIVE TAXI BATEAU** », itegegetse gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 24/12/2012

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA /835/2012 CYO KUWA 12/12/2012 GIHA
UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE «FATANYA ATAKUWA »**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo kuwa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **FATANYA ATAKUWA** », ifite icyicaro i Rubavu, Umurenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **FATANYA ATAKUWA** », ifite icyicaro i Rubavu, Umurenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **FATANYA ATAKUWA** », igamije guteza imbere ubucuruzi bw'ibikoresho bikorehwa mu gihe cy'iminsi mikuru (imyenda y'abageni, amasafuriya, amasahani, amabakuri), kubikodesha no kwigisha abagore gutegura indyo yuzuye Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi, keretse ibanje kubisaba ikanabihera uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **FATANYA ATAKUWA** », itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 12/12/2012

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA /904/2012 CYO KUWA 31/12/2012 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « UBUMWE TAXI MOTO GATENGA » (COUTAMOGA)

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo kuwa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **COUTAMOGA** », ifite icyicaro i Gatenga, Umurenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **COUTAMOGA** », ifite icyicaro i Gatenga, Umurenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **COUTAMOGA** », igamije gutanga serivisi zijyanye no gutwara abagenzi hakoreshejwe amapikipiki. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi, keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **ABAHUJE BAKOMEJE** », itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa 31/12/2012

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA /893/2012 CYO KUWA 31/12/2012 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « KIGALI ARTIST RESERVE COOPERATIVE » (KARECO VILLAGE)

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

